

ITANGAZO

Hashingiwe ku itangazo rya Minisiteri y'Ibikorwaremezo ryo ku wa 03/10/2023 rirebana n'ingamba z'agateganyo zo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange, Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Kugenzura Imikorere y'Inzego Zimwe z'Imirimo Ifitiye Igihugu Akamaro (**RURA**), ruramenyeshya abantu bose bafite imodoka zifite imyanya guhera kuri irindwi (7) babyifuza ko bemerewe by'agateganyo gutwara abagenzi.

Ababyifuza barasabwa kwiandikisha, bohereza ubusabe bwabo bukubiyemo numero ya plaque, controle technique n' ubwishingizi by'ikinyabiziga cyabo ku rubuga rukurikira <https://www.rura.rw>, ukajya kuri **E-Services**, ukareba ahanditse **Provisional Public Transport Authorization**.

Abasaba bashobora no kugana ubuyobozi bwa RURA aho bukorera mu Kiyovu, KN 39 St, Kigali.

Bikorewe i Kigali kuwa 03/10/2023



